

Ibihuha n'amakuru yizewe Urukingo rwa COVID-19

Ibihuha: Inkingo za COVID-19 ntizizewe.

AMAKURU YIZEWE: Inkingo za COVID-19 zirizewe kandi zikora neza.

Intego ya mbere y'[ibigo bya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika bishinzwe kugenzura ikorwa ry'inkingo zizewe no kuzemeza ni ukugenzura ko inkingo zizewe koko](#). Ikorwa ry'inkingo za COVID-19 rifite byinshi rihuriyeho n'ikorwa ry'izindi nkingo zirimo urukingo rw'ibicurane cyangwa urw'iseru. Kandi izi nkingo zimaze imyaka n'imyaka zikoreshwa zikarinda abaturage ibihumbi n'ibihumbi bo muri Leta ya Ohio. Ikigo cy'Amerika Gishinzwe Kugenzura Ubuziranenge bw'Ibiribwa n'Imiti (FDA) hamwe n'inzobere mu by'ubuvuzi zigenga bemeje ko buri kimwe cyose mu bigize inkingo za COVID-19 cyasuzumwe byimbitse kandi nta kujenjeka. Ibimenyetso bigaragaza ko inkingo za COVID-19 zizewe kandi zirinda kwandura COVID-19. Mu nkingo ebyiri za mbere zasabiwe guhabwa uruhushya na FDA kugira ngo zihite zitangira gukoreshwa, harimo urwa [Pfizer-BioNTech rwagaragaje ko rushobora kurinda iyo ndwara ku rugero rwa 95%](#) ndetse n'urwa [Moderna rwagaragaje ko rushobora kurinda iyo ndwara ku rugero rwa 94%](#) mu byiciro bya 3 by'ubushakashatsi kuri iyo miti yombi byitabiriwe n'abantu barenga 70.000. N'ubwo nta gihe gishize inkingo za COVID-19 nyirizina zitangiye gukorwa, ikoranabuhanga ryifashishijwe mu gukora inkingo zirimo kopi y'utunyangingo ndangasano (mRNA), ari na ryo ryifashishijwe n'inganda za Pfizer-BioNTech na Moderna, rimaze imyaka n'imyaka rikorwaho ubushakashatsi.

Ibihuha: Inkingo za COVID-19 zabonetse vuba kandi zakozwe huti huti.

AMAKURU YIZEWE: Urukingo rwa COVID-19 rwakoranywe ubwitonzi kandi rwakozweho ubushakashatsi bwimbitse. Ikindi, abahanga mu bya siyansi bashyizeho uburyo bw'imikorere bunoze bugomba gukurikizwa kugira ngo rukorwe neza kurushaho.

Mu ikorwa ry'uru rukingo, ntiheze hifashishwa inzira z'ubusamo. Ikorwa ryarwo ryarihuse kubera [uburyo bw'imikorere bunoze](#) bwashyizweho bushobora gutuma ibyiciro by'ubushakashatsi bikorerwa icyarimwe ndetse no kubera ubushake bwo gukoresha igihe neza maze bikagabanya cyangwa bikavanaho burundu amezi n'amezi yashobora gushira hategurwa inyandiko cyangwa hategerejwe isuzuma. Ikindi kandi ni uko mu gihe k'ikorwa ry'inkingo, abayobozi bakuru b'inganda nka BioNTech, GlaxoSmithKline, Johnson & Johnson, Merck, Moderna, Novavax, Pfizer na Sanofi [barahiriye bwa mbere mu mateka](#) imbere y'abatuye isi maze bakabizeza ko bazubahiriza amahame agenga ubushakashatsi mu bya siyansi mu gihe bakora raporo ku ngingo za mbere za COVID-19 zizasuzumwa n'inzego zibishinzwe maze zikabona kwemezwa. N'ubwo ikoranabuhanga ryo gukora inkingo zirimo kopi y'utunyangingo ndangasano (mRNA), ryifashishijwe n'inkingo ebyiri za mbere zasabiwe guhabwa uruhushya na FDA kugira ngo zihite zitangira gukoreshwa, ari rishya, ntawavuga ko ritazwi. Abashakashatsi bamaze imyaka n'imyaka biga kopi y'utunyangingo ndangasano (mRNA) kandi ibyiciro bya mbere by'ubushakashatsi ku nkingo z'indwara y'ibicurane, indwara ya zika, indwara y'ibisazi n'ya sitomegalovirusi (CMV) na byo byifashishije inkingo zirimo kopi y'utunyangingo ndangasano (mRNA). Intambwe imaze guterwa mu ikoranabuhanga risuzuma ibinyabuzima n'ibinyabutabire bigize uturemangingo twa RNA ndetse n'uburyo dukwira mu mubiri yatumye inkingo za COVID-19 zirimo kopi y'utunyangingo ndangasano (mRNA) zibasha gukorwa kandi akaba ari inkingo zizewe ndetse zikora neza.

Ibihuha: Buri muturage wese wo muri Leta ya Ohio agomba guterwa urukingo rwa COVID-19.

AMAKURU YIZEWE: Ntabwo Leta ya Ohio izigera itegeka ko buri wese aterwa urukingo rwa COVID-19.

Leta ya Ohio ntizigera itegeka ko buri wese aterwa urukingo rwa COVID-19. Abaturage bose bo muri Leta ya Ohio bifuzaga guterwa urukingo bazaba bashobora kurubona bitewe n'uko umubare w'inkingo ziboneka urushaho kugenda wiyongera.

Ibihuha: Inkingo za COVID-19 zishobora gutuma wandura COVID-19.

Amakuru yizewe: Ntabwo inkingo za COVID-19 zizatuma wandura COVID-19.

Nta rukingo na rumwe rwa COVID-19 mu ziri gukorwa muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika rurimo virusi itera indwara ya COVID-19. Inkingo za Pfizer-BioNTech na Moderna zakozwe hifashishijwe ikoranabuhanga ryo gukora inkingo zirimo kopi y'utunyangingo ndangasano cyangwa mRNA. (Reba ibikurikira kugira ngo ubone ibindi bisobanuro.) Intego y'inkingo za COVID-19 ni ukwigisha ubudahangarwa bwacu kumenya virusi itera indwara ya COVID-19 no kuyirwanya. Hari igihe guterwa urukingo bishobora kukugiraho ingaruka ziterwa n'imiti zirimo umunaniro, kurwara umutwe, kubabara cyangwa gutukura ahatewe urushinge no kubabara imikaya cyangwa mu ngingo. Ibimenyetso nk'ibi

birasanzwe kandi biba bigaragaza ko umubiri uri kubaka ubudahangarwa. Nyuma yo guterwa urukingo, akenshi bisaba ko hashira ibyumweru bike kugira ngo umubiri ube wamaze kubaka ubudahangarwa kandi hari n'inkingo zisaba ko uziterwa kabiri. Ibi bivuze ko bishoboka ko umuntu ashobora kwandura virusi itera indwara ya COVID-19 mbere cyangwa nyuma gato yo guterwa urukingo maze akaba yahita arwara kubera ko urukingo ruba rukeneye igihe cyo gukora neza ngo rubashe kurinda umubiri. Menya byinshi ku bijyanye n'uko [inkingo za COVID-19 zikora](#).

Ibihuha: Inkingo zirimo kopi y'utunyangingo ndangasano (mRNA) zihindura utunyangingo ndangasano twa DNA twange cyangwa imiterere y'utunyangingo ndangasano twange.

AMAKURU YIZEWE: Guterwa urukingo rurimo kopi y'utunyangingo ndangasano (mRNA) ntibihindura utunyangingo ndangasano twa DNA twawe.

Kopi y'utunyangingo ndangasano cyangwa mRNA ntabwo ishobora guhindura imiterere y'utunyangingo ndangasano (DNA). Kopi y'utunyangingo ndangasano (mRNA) yo mu rukingo rwa COVID-19 ntabwo ibasha kwinjira mu ntima y'akaremangingo, ari ho akanyangingo ndangasano ka DNA kaba kabitse. Bityo rero nta ngaruka yagira cyangwa ngo igire aho ihurira n'akanyangingo ndangasano ka DNA kawe mu buryo ubwo ari bwo bose. Kopi y'utunyangingo ndangasano (mRNA) yo mu nkingo za COVID-19 ishobora gufatwa nk'amabwiriza ahabwa umubiri wawe yo gukora igice cya "poroteyini y'ubwandu" ariko kitagira icyo cyangiza kugira ngo ubudahangarwa bwacu bumenye ko iyi poroteyini ije guteza ibibazo maze butangire gushyiraho ubwirinzi no gukora abasirikare b'umubiri. By'umwihariko, inkingo za COVID-19 zikoresha kopi y'utunyangingo ndangasano (mRNA) zikorana n'ubwirinzi kamere bw'umubiri kugira ngo hubakwe ubudahangarwa bwo guhangana na virusi, maze byereke utunyangingo twawe uko tugomba gukora abasirikare b'umubiri. Menya byinshi ku bijyanye n'uko [inkingo za COVID-19 zikora](#).

Ibihuha: Mbaye naranwaje COVID-19 nkayikira, si ngombwa ko nterwa urukingo rwa COVID-19.

AMAKURU YIZEWE: Urukingo rushobora no gufasha abantu barwaye COVID-19 maze bakayikira.

Kuri ubu, inzobere ntizizi igihe umuntu ashobora kumarana ubudahangarwa nyuma gukora COVID-19. Kubera ibibazo by'ubuzima bikomeye bishobora guterwa na COVID-19 kandi kongera kwandura COVID-19 bikaba bishoboka, abantu bashobora kugirwa inama yo kwiteza urukingo rwa COVID-19 kabona n'ubwo baba barigeze kwandura COVID-19 maze bakayikira. Ubudahangarwa umuntu agira nyuma yo kwandura bwitwaga ubudahangarwa kamere kandi bugenda butandukana bitewe n'umuntu. Ubudahangarwa kamere n'ubudahangarwa butangwa n'urukingo ni ibintu by'ingenzi bijyanye na COVID-19 inzobere ziri kugerageza gusobanukirwa kurushaho ndetse n'ikigo k'Igihugu Gishinzwe Kugenzura no Gukumira Indwara (CDC) kizakomeza guha abaturage amakuru uko ibimenyetso bishya bigenda biboneka.

Ibihuha: COVID-19 ntabwo ari indwara ikomeye. Bityo rero si ngombwa ko nikingiza.

AMAKURU YIZEWE: Ubukana bw'ibimenyetso bya COVID-19 buratandukana cyane kandi kwikingiza bishobora gufasha kwirinda kwandura COVID-19.

Mu gihe abantu benshi banduye COVID-19 usanga bafite ibimenyetso byoroheje, abandi usanga [baremba cyane](#) cyangwa ikanabahitana. Ntibishoboka kumenya ingaruka COVID-19 ishobora kukugiraho kabone n'ubwo waba udafite [ibyago byinshi byo kuyirwara ugakomererwa cyane](#). Ikindi kandi ni uko igihe uramutse urwaye COVID-19, ushobora kwanduza inshuti zawe, umuryango wawe ndetse n'abandi bantu muhuye igihe urwaye. Urukingo rwa COVID-19 ruragufasha kuko rutuma umubiri wawe ushyiraho abasirikare bawurinda bitabaye ngombwa ko ubanza kwandura indwara. Menya byinshi ku bijyanye n'uko [inkingo za COVID-19 zikora](#).

Ibihuha: Ibisubizo by'isuzuma bizagaragaza ko wanduye indwara ya COVID-19 nuramuka utewe urukingo rwa COVID-19.

AMAKURU YIZEWE: Inkingo za COVID-19 ntizizatuma ibisubizo by'isuzuma bigaragaza ko wanduye indwara ya COVID-19.

Inkingo zirigukorwaho ubushakashatsi kuri ubu muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ntizizatuma ibisubizo by'[amasuzuma ya virusi](#) bigaragaza ko wanduye. Bene ayo masuzuma ni na yo ashingirwaho hemezwa niba ufite ubwandu. Iyo umubiri wawe wubatse ubudahangarwa, ari na yo ntego yo gukingirwa, biba bishoboka ko wasuzumwaga maze amwe mu [masuzuma y'abasirikare b'umubiri](#) akagaragaza ko wanduye. Amasuzuma y'abasirikare b'umubiri agaragaza ko wanduye ndetse ko ushobora kuba ufite urugero runaka rw'ubwirinzi bushobora guhangana n'iyi virusi. Ubu inzobere ziri gusuzuma uburyo urukingo rwa COVID-19 rushobora guhindura ibisubizo by'isuzuma ry'abasirikare b'umubiri.

Ibihuha: Izindi nkingo, harimo n'urushinge rw'urukingo rw'ibicurane, zishobora kurinda kwandura COVID-19.

AMAKURU YIZEWE: Inkingo zakorewe by'umwihariko kurinda ubwandu bwa COVID-19 ni zo zonyine zishobora gutuma utandura COVID-19.

Izindi nkingo, harimo urw'ibicurane, urw'iseru cyangwa izindi ndwara, ntizituma utandura COVID-19. Inkingo zakorewe by'umwihariko kukurinda kwandura COVID-19, igihe ziramutse zemejwe n'ikigo cy'Amerika Gishinzwe Kugenzura Ubuziranenge bw'Ibiribwa n'Imiti (FDA), ni zo zonyine zishobora kurinda ubwo bwandu. N'ubwo urukingo rw'ibicurane rudashobora kukurinda kwandura COVID-19, rushobora kukurinda kwandura ibicurane ngo bitaza byiyongera kuri COVID-19.

Ibihuha: Ntabwo hazaboneka inkingo zihagije ku buryo zishobora gukwira abantu bose.

AMAKURU YIZEWE: Uko umubare w'inkingo zikorwa ukomeza kugenda wiyongera, ni ko buri muturage wese wo muri Leta ya Ohio wifuza gukingirwa azaba afite amahirwe yo guhabwa urukingo rwamurinda kwandura COVID-19.

Ku ikubitiro, ikigo cy'Amerika Gishinzwe Kugenzura Ubuziranenge bw'Ibiribwa n'Imiti (FDA) nikemeza bwa mbere ikomeza ry'inkingo za COVID-19 muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, hazaba hashobora kuboneka inkingo nke. Leta ya Ohio yiyemeje kugeza urukingo ahantu hose no ku bantu bose bifuzwa kuruhabwa mu gihe gito gishoboka rukimara kugera muri Ohio. Uko inkingo zikomeza gukorwa ku bwinshi ndetse zikaboneka ari nyinshi, buri muturage wo muri Leta ya Ohio wifuza gukingirwa azaba afite amahirwe yo guhabwa urukingo.

Ibihuha: Inkingo za COVID-19 zizashyira udukarito duto mu mibiri y'abantu ku buryo bashobora kumenya aho baherereye.

AMAKURU YIZEWE: Inshinge z'inkingo ntabwo ziba zirimo udukarita duto dushobora gutuma bamenya aho uherereye.

Inshinge z'inkingo cyangwa imiti ishyirwa mu mazuru, harimo n'inshinge z'inkingo za COVID-19, ntabwo ziba zirimo udukarita duto, udukarita duto cyane, inkurikiranwa za RFID cyangwa ibikoresho bishobora gukurikiranwa cyangwa kugenzura umubiri wawe mu buryo ubwo ari bwo bwose. Kimwe n'uko ibicuruzwa byoherejwe cyangwa ibijyanirwa abakiriya bikurikiranwa, inkingo zoherejwe ni ko na zo zikurikiranwa kuva zoherejwe kugeza zitewe abantu hirya no hino mu gihugu. Ariko kuvuga ko izi nshinge z'inkingo zirimo ibikoresho bishyirwa mu mibiri y'abatwaga bo muri Leta ya Ohio maze bigatuma bakurikiranwa byo sibyo.

Ibihuha: Inkingo za COVID-19 zitera ubugumba cyangwa ubundi burwayi bukomeye.

AMAKURU YIZEWE: Nta bibazo by'ubuzima byigeze bigaragara ko bishobora guterwa n'inkingo za COVID-19 zemerewe guhita zitangira gukoreshwa.

Mu [kiciro cya 3 cy'ubushakashatsi bwa Pfizer-BioNTech](#) kitabiriwe n'abantu barenga 43.000 no mu [kiciro cya 3 cy'ubushakashatsi bwa Moderna](#) kitabiriwe n'abantu 30.000, nta bibazo bikomeye by'ubuzima byigeze bigaragara. Ingaruka ziterwa n'imiti zagaragaye cyane zirimo umunaniro, kurwara umutwe, kubabara cyangwa gutukura ahatewe urushinge no kubabara imikaya cyangwa mu ngingo. Bene izi ngaruka ziterwa n'imiti, n'ubwo zidashimisha, ni ikimenyetso cy'uko umubiri wawe uri kubaka ubudahangarwa bwo guhangana na virusi itera indwara ya COVID-19.

Ibihuha: Inkingo zitera indwara ya autisme (otisime).

AMAKURU YIZEWE: Inkingo ntabwo zitera indwara ya autisme.

Uko imyaka igenda ishira, ubushakashatsi bugenda bukorwa hirya no hino ku isi kugira ngo bwerekane ko [nta sano riri hagati y'indwara ya autisme n'inkingo](#).

Ni gute namenyana ahantu hizewe nshobora gukura amakuru ajyanye n'urukingo rwa COVID-19?

Hari igihe biba bigoranye kumenya ahantu hizewe nshobora gukura amakuru. Ku bw'amahirwe make, usanga murandasi yuzuyeho amakuru mabi ayobya ku bijyanye n'inkingo za COVID-19. icyo ushobora gukora kikagufasha ni ugushaka amakuru yizewe ajyanye n'inkingo za COVID-19. Menya byinshi ku bijyanye no [gushaka amakuru yizewe ajyanye n'urukingo](#) wifashishije iyi nkuru yanditswe n'ikigo k'Igihugu Gishinzwe Kugenzura no Gukumira Indwara (CDC) iboneka kuri <https://www.cdc.gov/vaccines/vac-gen/evalwebs.htm>.

Aho byavuye: [Centers for Disease Control and Prevention \(CDC\)](#), [University of Maryland Medical System](#).

Inyandiko yateguwe ku wa 9 Ukuboza 2020

Ku bijyanye n'andi makuru, wasura urubuga rwa coronavirus.ohio.gov.

Kugira ngo ubone ibisubizo by'ibibazo ufite bijyanye na COVID-19, hamagara kuri 1-833-4-ASK-ODH (1-833-427-5634).

Ubuzima bwo mu mutwe bwawe ndetse n'ubuzima bw'umubiri bwawe bigomba kwitabwaho kimwe byombi. Igihe wowe cyangwa uwo ukunda muhangayikishijwe n'icyorezo cya koronavirusi, mushobora guhabwa ubufasha buboneka mu masaha 24 kuri 24 agize umunsi ndetse no ku minsi yose igize icyumweru. Hamagara umurongo utangirwaho ubufasha bujyanye na COVID-19 ari wo 1-800-720-9616.